In addition to the above obligations, the holder of intercity Express license shall also comply with the schedule submitted and agreed on.

Outre les obligations ci-dessus, le titulaire de la licence Express interurbain doit également respecter le calendrier soumis et convenu.

Ingingo ya 16 : Inshingano zihariye ku bahawe uruhushya rwo gutwara abantu bambuka imipaka

Article 16 : Specific obligations for cross border license

Article 16 : Obligations particulières applicables aux titulaires des licences transfrontalières

Uwahawe uruhushya rwo gutwara abantu bambuka imipaka afite inshingano zikurakira:

The holder of a cross border license has the following obligations:

Le titulaire d'une licence transfrontalière a les obligations suivantes :

1. Gutwara gusa abagenzi bambuka umupaka;
2. Gutanga ingengabihe y'imikorere.

1. Transport only cross border passengers;
2. Submit operation schedule.

1. Transporter uniquement des passagers transfrontaliers ;
2. Soumettre son calendrier des voyages

Ingingo ya 17: Inshingano zihariye ku wahawe uruhushya binyuze mu ipiganwa

Article 17: Specific obligations for competitive license

Article 17: Obligations particulières applicables à la licence concurrentielle

Uwahawe uruhushya rutangwa binyuze mu ipiganwa afite inshingano zikurakira:

The holder of competitive license has the following obligations:

Le titulaire d'une licence concurrentielle a les obligations suivantes :

1. kubahiriza ingengabihe y'imitangire ya serivisi iteganyijwe mu Masezerano agaragaza igipimo cya

1. respect the operation services schedule as provided in the Service Level Agreement (SLA);

1. respecter le programme des services d'opération tel que prévu dans l'Accord de Niveau de Service (SLA);

serivisi zigomba gutangwa (SLA);

2. ibyo binyabiziga bigomba kugira igice gikoreshwa n'urumuri kiri imbere n'inyuma cyerekana ibirango by'imihanda bisi ikoreramo;
3. ibinyabiziga bigomba kuba biri mu bwoko bwumvikanyweho.

2. the fleet shall have Light Emission Diode (LED) in both front and rear sides displaying routes information;
3. the fleet shall have the agreed upon brand.

2. la flotte doit avoir une diode électroluminescente (LED) sur les côtés avant et arrière affichant les informations sur les itinéraires ;
3. la flotte doit être de la marque convenue.

Icyiciro cya 3: Igihe uruhushya rumara, kongera kuruhabwa, kuruherekanya no kwemererwa kurukoresha igihe kirenze icyari cyaragenwe

Section 3: License validity, renewal, transfer and extension

Section 3: Validité, renouvellement, transfert et prolongation de la licence

Ingingo ya 18: Igihe uruhushya rumara

Article 18: License validity

Article 18: Validité de la licence

Igihe uruhushya rwo gutanga serivisi zo gutwara abantu mu buryo rusange rumara kigenwa hakurikijwe icyiciro cyarwo nk'uko bigaragara mu buryo bukurikira:

The validity of the licence in public transport services is determined depending on its category as prescribed below:

La validité de la licence des services de transport public est déterminée en fonction de sa catégorie, comme indiqué ci-dessous :

1. imyaka itanu (5) ku ruhushya rutangwa binyuze mu ipiganwa;
2. imyaka itatu (3) ku ruhushya rwo gutwara abantu bava mu mujyi umwe bajya mu wundi;
3. imyaka itatu (3) ku ruhushya rwo guhagararara ku byapa binyuranye ;

1. five (5) years for competitive license;
2. three (3) years for intercity express license;
3. three (3) years for multi stop license;

1. cinq (5) ans pour la licence concurrentielle ;
2. trois (3) ans pour la licence express interurbaine ;
3. trois (3) ans pour une licence à multiples arrêts ;

4. imyaka itatu (3) ku ruhushya rwo gutwara abantu bambuka imipaka;
5. umwaka umwe (1) ku ruhushya rwa sosiyete y'umuntu umwe.

4. three (3) for cross border license;
5. one (1) year for One person company license

4. trois (3) pour une licence transfrontalière ;
5. un (1) an pour la licence pour une société unipersonnelle.

Ingingo ya 19: Kongera agaciro k'uruhushya

Abafite impushya zo gutwara abantu bava mu muji umwe bajya mu wundi bahagarara ahantu hanyuranye bashaka kongerera agaciro impushya, babisaba amezi atatu mbere y'uko zirangira, naho abafite uruhushya rwo gutwara abantu bambuka imipaka n'abafite impushya zifite aho zigarukira bo bakabisaba mu kwezi kumwe (1), mbere y'uko impushya bafite zirangira.

Ubusabe bwo kongerera agaciro uruhushya buherekezwa n'innyandiko zikurikira:

1. ubusabe ku ifishi igenwa n'Urwego Ngenzuramikorere;
2. icyemezo gifite agaciro cy'ubwishingizi bw'ubucuruzi;
3. ibyemezo bigifite agaciro by'ubugenzuzi bw'ibinyabiziga;
4. ikarita iranga imodoka yanditse mu mazina y'usaba uruhushya ;
5. icyemezo cy'ubwishyu bw'amafaranga atangwa ku ruhushya

Article 19 : License renewal

The licensees of intercity and multistop licenses have to apply for license renewal three (3) months before the expiration of the current license and one (1) month for cross border and One person company license .

Application for renewal shall be accompanied by the following documents:

1. application in a form determined by the Regulatory Authority;
2. valid commercial insurance certificate;
3. valid motor vehicle inspection certificates;
4. vehicle log book registered in the names of applicant;
5. proof of payment of license fees as per Annex I;

Article 19: Renouvellement de la licence

Les titulaires des licences interurbaines et aux arrêts multiples doivent demander le renouvellement de leurs licences trois (3) mois avant l'expiration de la licence en cours et un (1) mois pour les titulaires des licences transfrontalières et les licences limitées.

La demande de renouvellement s'accompagne des documents suivants :

1. une demande dans un formulaire prescrit par l'Autorité de Régulation;
2. certificat valide d'assurance commerciale;
3. certificats valides de contrôle technique (s) des véhicules ;
4. carte d'immatriculation de véhicule enregistré au nom du demandeur ;
5. Preuve de paiement des frais de licence tel que prévu par l'Annexe I ;

ateganyijwe mu Mugereka wa I;

6. icyemezo cy'ubwishyu bw'umusanzu wakwa hashingiwe ku mafaranga yinjijwe mu mwaka nk'uko biteganywa n'Urwego Ngenzuramikorere;

6. proof of payment of the contribution levied on annual turnover as prescribed by the Regulatory Authority;

6. preuve du paiement de la contribution prélevée sur le chiffre d'affaire annuel, tel que prévu par l'Autorité de Régulation;

Igihe hashyizweho politiki cyangwa itegeko bishya bishobora kuzana impinduka mu mitangire isanzwe y'impushya, impushya zose zirebwa na byo ntizishobora kongererwa agaciro ariko zikomeza gukoreshwa kugeza igihe iyo politiki nshya itangiye kubahirizwa. Iyo bigenze bityo uwahawe uruhushya ntashobora kwakwa amafaranga y'ubusabe.

In case there is a new policy or law that may affect the existing licensing regime, all concerned licenses will not be renewed but may be extended till the effective date of implementation of that new policy. In this case, no application fees will be charged.

En cas d'existence d'une nouvelle politique ou de loi susceptible d'affecter le régime des licences existantes, toutes les licences concernées ne peuvent pas être renouvelées mais peuvent être prolongées jusqu'au commencement de cette nouvelle politique. Dans ce cas, aucun frais de demande ne peut être exigé.

Iyo habayeho kutumvikana muri sosiyete cyangwa muri koperative zahawe impushya zifite ingaruka ku mitangire ya serivisi, Urwego Ngenzuramikorere, mu bushishozi bwarwo, rushobora kwanga kongerera agaciro uruhushya igihe cyose izo mpaka zitari zakemuka.

In case of internal disputes in the licensed company or cooperative affecting service delivery, the Regulatory Authority, in its sole discretion, may refuse to renew the license until the dispute is resolved.

En cas des litiges internes dans la société ou dans la coopérative titulaire de licence, affectant la prestation des services, l'Autorité de Régulation peut, à sa seule discrétion, refuser de renouveler la licence à moins que le litige ne soit résolu.

Ingingo ya 20: Ihererekanya ry'uruhushya

Article 20 : License transfer

Article 20 : Transfert de licence

Kugurisha, kuguranisha by'agateganyo, gukodesha cyangwa kwegurira undi muntu cyangwa ikigo umutungo cyangwa ibikorwa bigomba kubanza kwemerwa n'Urwego

The sale, temporary substitution, lease or transfer of assets or activities to a different person or corporation must be approved by the Regulatory Authority.

La vente, la substitution temporaire, la location ou le transfert d'actifs ou d'activités à un tiers ou à une société ne peuvent se faire qu'après approbation de l'Autorité de

Ngenzuramikorere.

Régulation.

Ubwo busabe bugomba gusobanura impamvu z'iryo hererekanya kandi bwemerwa nyuma yo kwishyura amafaranga yose ategetswe ateganywa n'amategeko n'amabwiriza.

The request should state the reason of such transfer and the approval is subject to the clearance of all required fees provided by applicable laws and regulations.

La demande doit indiquer la raison de la cession et l'approbation est soumise au paiement de tous les frais requis prévus par les lois et règlements en vigueur.

Uwahawe uruhushya rwahererekanyijwe afatwa nk'usaba uruhushya bityo akaba agomba kuba yujuje ibisabwa kuri icyo cyiciro cy'uruhushya.

The transferee shall be considered as the applicant, thus comply with the requirements of such category of license.

Le cessionnaire est considéré comme le demandeur et doit ainsi remplir les conditions de la catégorie de licence concernée.

Uwahawe uruhushya rwahererekanyijwe agomba kubahiriza inshingano zose zijyanye n'urwo ruhushya.

The transferee must comply with all obligations of that transferred license.

Le cessionnaire doit remplir toutes les obligations de la licence faisant l'objet de transfer.

Ingingo ya 21 : Kongerera igihe uruhushya

Article 21 : License extension

Article 21 : Extension de la licence

Urwego Ngenzuramikorere rushobora kwemera ko uruhushya rukoreshwa igihe kirenze icyari cyaragenwe ku mpamvu zikurikira:

The Regulatory Authority may extend the license in the following events:

L'Autorité de Régulation peut prolonger la licence dans les cas suivants :

1. iyo inyandiko zihamagararira abantu gupiganirwa impushya zitangwa binyuze mu ipiganwa zitari zategurwa;

1. when RFP for licenses granted through competition are not yet in place;

1. Lorsque l'AO pour les licences accordées par voie de concurrence n'a pas encore eu lieu;

- | | | |
|--|---|--|
| <p>2. Iyo Urwego Ngenzuramikorere rusanze ari ngombwa guha uwahawe uruhushya igihe cyo kugira ibyo akosora cyangwa cyo kunoza serivisi ye;</p> | <p>2. when the Regulatory Authority finds it necessary to give an opportunity to a licensee for correction or improvement of his service;</p> | <p>2. Lorsque l’Autorité de Régulation juge nécessaire de donner au titulaire de licence l’occasion de corriger ou d’améliorer son service ;</p> |
| <p>3. Igihe cy’inyongera cyo gukoresha uruhushya ntikirenza amezi atandatu (6) ariko icyo gihe ntarengwa ntikireba uruhushya rutangwa binyuze mu ipiganwa.</p> | <p>3. the maximum period of extension cannot exceed six (6) months except for competitive license determined by RFP</p> | <p>3. la période maximale de prolongation ne peut pas excéder six (6) mois, sauf pour la licence concurrentielle déterminée par l’AO.</p> |

Icyiciro cya 4: Guhagarika, kwambura, gusesa no gutesha agaciro uruhushya

Section 4: License suspension, revocation, termination and cancellation

Section 4: Suspension, revocation, retrait et annulation de la licence

Ingingo ya 22 : Impamvu zishingirwaho mu guhagarika uruhushya

Article 22 : Grounds for suspension of the license

Article 22 : Motifs de suspension de la licence

Urwego Ngenzuramikorere rushobora guhagarika uruhushya igihe kitarenga amezi atandatu (6) iyo rusanze ari ngombwa bitewe n’impamvu zikurikira:

The Regulatory Authority may suspend a license for a maximum period of six (6) months when it determines that such suspension is needed in order to respond to the following:

L’Autorité de Régulation peut suspendre la licence pour une période maximale de six (6) mois lorsqu’elle détermine qu’une telle suspension est nécessaire pour réagir :

- | | | |
|--|--|---|
| <p>1. kudaha Urwego Ngenzuramikorere amakuru na raporo z’ibikorwa n’ubugenzuzi mu gihe kigenwa n’amategeko, amabwiriza n’ibindi byemezo cyangwa imirongo</p> | <p>1. failure of the licensee to provide to the Regulatory Authority with monitoring and reporting data in the period provided by the laws, Regulations and relevant decisions</p> | <p>1. au défaut du titulaire de licence de fournir à l’Autorité de Régulation des données de surveillance et des informations dans les délais prévus par les lois, règlements et décisions ou</p> |
|--|--|---|

ngenderwaho bya ngombwa by'Urwego Ngenzuramikorere;	or directives of the Regulatory Authority;	directives pertinentes de l'Autorité de Régulation ;
2. kunanirwa gukorana n'Urwego Ngenzuramikorere mu bugenzuzi cyangwa mu igenzura ryimbitse ry'imikorere;	2. failure to cooperate with the Regulatory Authority inspection and/ or performance audit;	2. au défaut de coopérer avec l'inspection et / ou l'audit de performance de l'Autorité de Régulation;
3. kunanirwa kwishyura amafaranga ngenzuramikorere agenwa n'icyemezo cy'Inama Ngenzuramikorere gikurikizwa ;	3. licensee's failure to pay regulatory fees as provided by the Regulatory Board decision in force;	3. au non-paiement par le titulaire de frais réglementaires conformément à la décision du Conseil de Régulation en vigueur;
4. kunanirwa gukosora ibitagenda neza mu mitangire ya serivisi nyuma y'inyandiko yo kwihanangirizwa;	4. failure to respond to the warning notice requesting the licensee to redress poor service delivery;	4. au défaut de répondre à l'avis d'avertissement demandant au titulaire de licence de remédier à la mauvaise prestation de services;
5. kutagira umubare w'ibinyabiziga bisabwa uwahawe uruhushya;	5. the licensee no longer has the required number of vehicles to operate under the license previously issued;	5. au défaut par le titulaire de licence de disposer un nombre de véhicules requis pour opérer en vertu de la licence délivrée précédemment;
6. impaka zavutse muri sosiyete cyangwa koperative zahawe impushya kandi izo mpaka zikaba zibangamiye imitangire ya serivisi.	6. internal disputes in the licensed company or cooperative affecting service delivery.	6. aux conflits internes, dans la société ou la coopérative avec licence, affectant la prestation des services.
Niba nyuma yayo mezi atandatu (6) yo guhagarikwa, atayubahirije ibisabwa, uruhushya azahita arwamburwa.	If after the six (6) months of suspension, the licensee does not comply, the license will be automatically revoked.	Si après ces six (6) mois de suspension, le titulaire de la licence ne se corrige pas, sa licence sera automatiquement révoquée.

Ingingo ya 23: Impamvu zo kwamburwa uruhushya

Urwego Ngenzuramikorere rushobora kwambura uruhushya uwaruhawe mbere y'igihe iyo bibaye ngombwa kubera impamvu zikurikira:

1. iyo uwahawe uruhushya ataye imirimo yatumye aruhabwa;
2. iyo sosiyete cyangwa koperative yahawe uruhushya isheshwe;
3. iyo impamvu yatumye uruhushya rutangwa itakiriho, kutubahiriza inshuro nyinshi ibisabwa kubahirizwa bijyanye n'uruhushya kandi uko kutubahiriza kukaba guhanishwa guhagarika uruhushya;
4. kutubahiriza amabwiriza yo guhagarika uruhushya atangwa n'Urwego Ngenzuramikorere.

Ingingo ya 24 : Impamvu zo gutesha agaciro uruhushya

Article 23: Grounds for revocation

The Regulatory Authority may revoke a license before the expiration of the license term when it determines that revocation is needed in order to respond to:

1. licensee's abandonment of license activities;
2. liquidation of the licensed company or cooperative;
3. purpose for which the license was issued no longer exists; repetitive breach of licence obligations whose sanction is suspension;
4. failure to comply with suspension orders issued by the Regulatory Authority.

Article 24: Grounds for cancellation

Article 23 : Motifs de révocation

L'Autorité de Régulation peut révoquer la licence avant son expiration de la période de licence lorsqu'elle détermine que cette révocation s'avère nécessaire pou réagir :

1. à l'abandon des activités de licence par le titulaire;
2. à la liquidation de la société ou coopérative autorisée ;
3. au but pour lequel la licence a été octroyé n'existe plus; violation répétée, pendant la durée de la licence, des obligations de licence dont la sanction est une suspension;
4. au non-respect des ordres de suspension émis par l'Autorité de Régulation.

Article 24 : Motifs d'annulation

Urwego Ngenzuramikorere rushobora gutesha agaciro uruhushya mu gihe rubona ko ari ngombwa kubera impamvu zikurikira:

1. kudafata uruhushya mu minsi mironko itatu (30) ibarwa uhereye ku itariki uwarwemerewe yabimenyesherejwe;
2. iyo uwahawe uruhushya yatanze amakuru atari yo mu gihe cyo ku rusaba.

Ingingo ya 25 : Gusesa uruhushya

Urwego Ngenzuramikorere rushobora gusesa uruhushya rubyibwirije cyangwa rubisabwe n'uwahawe uruhushya.

Iyo gusesa uruhushya bisabwe n'uwahawe uruhushya, ubusabe busobanura impamvu z'iryoya seswa bugomba kohererezwa Urwego Ngenzuramikorere mu gihe cy'amezi atandatu (6) nibura mbere y'itariki yo guhagarika ibikorwa. Nyuma yo kubimenyeshya atarabizwa, uwahawe uruhushya agomba gukomeza gutanga serivisi.

Ubusabe bwo gusesa uruhushya bwemerwa nyuma yo kubahiriza ibintu bikurikira:

The Regulatory Authority may cancel a license when it determines that such cancellation is needed in order to respond to the following:

1. failure to collect the license within thirty (30) days from the date of notification;
2. false representation of facts done by the licensed operator while applying for a license.

Article 25 : Termination of license

The license may be terminated by the Regulatory Authority on its initiative or upon the request of the licensee.

When the termination is initiated by the licensee, the request explaining the reasons must be sent to the Regulatory Authority at least six (6) months prior to the effective date of cessation of activities. During the notification period, the licensee must ensure the continuity of services .

The approval of termination is subject to :

L'Autorité de Régulation peut annuler la licence lorsqu'elle détermine que cette annulation est nécessaire pour réagir au :

1. défaut de retirer la licence dans les trente (30) jours suivant la date de notification ;
2. fausses déclarations des faits par l'opérateur au moment de la demande.

Article 25 : Résiliation de la licence

La résiliation de la licence peut être effectuée par l'Autorité de Régulation à son initiative ou à la demande du titulaire de licence.

Lorsque la résiliation est initiée par le titulaire de licence, il/elle adresse sa demande incluant des raisons, à l'Autorité de Régulation, au moins six (6) mois avant la date effective de cessation des activités. Le titulaire de licence doit, pendant la durée de préavis, assurer la continuité des services.

L'approbation de la résiliation est soumise à ce qui suit :

1. kwishyura amafaranga yose n'imisoro biteganywa n'amategeko n'amabwiriza;
2. gukemura ibibazo byose bijyanye n'uburenganzira bw'abakozi.

1. clearance of all fees and levies required by relevant laws and regulations;
2. resolving all issues related to employee's rights.

1. paiement de tous les frais et droits exigés par les lois et règlements en vigueur;
2. résolution de tous les problèmes liés aux droits des employés.

Urwego Ngenzuramikorere rushobora kandi gusesa uruhushya bitewe n'impamvu zitandukanye harimo iza politiki cyangwa iz'itegeko rishya, byemejwe n'urwego rubifitiye ububasha. icyo gihe, uwahawe uruhushya abimenyeshwa mu gihe cy'amezi atandatu (6) mbere y'itariki iteganyijwe y'isesa.

Iyo hari impaka hagati mu buyobozi bwa sosiyete cyangwa koperative byahawe uruhushya, Urwego Ngenzuramikorere, mu bushishozi bwarwo, rushobora kwanga gusesa uruhushya cyangwa kwemera ubusabe bwo guhagarika ibikorwa igihe cyose izo mpaka zitari zakemuka.

Ingingo ya 26: Inzira zikurikizwa mu guhagarika cyangwa kwambura uruhushya

Iyo Urwego Ngenzuramikorere rubona ko uwahawe uruhushya atubahirije ingingo zikubiye mu nshingano zijyanye n'uruhushya akaba agomba guhanishwa guhagarikirwa

The Regulatory Authority may also terminate the license due but not limited to a new policy or law adopted by the competent authority. In this case, the licensee is notified at least six(6) months prior to the intended date of termination.

In case of disputes in the management of the licensed company or cooperative, the Regulatory Authority, in its sole discretion, may refuse to terminate the license or grant the request to suspend the activities until the dispute is resolved.

Article 26 : License suspension or revocation procedure

If the Regulatory Authority determines that the licensee has failed to comply with any terms of license obligations sanctioned by suspension or revocation, the Regulatory

L'Autorité de Régulation peut également résilier la licence pour différentes raisons, notamment la nouvelle politique ou loi adoptée par l'autorité compétente. Dans ce cas, le titulaire de licence est informé au moins six (6) mois avant la date prévue pour la résiliation.

En cas de litige dans la gestion de la société ou coopérative agréée, l'Autorité de Régulation peut, à sa seule discrétion, refuser de retirer la licence ou rejeter la demande de suspension des activités jusqu'à ce que le litige soit résolu.

Article 26 : Procédure de suspension ou de révocation de la licence

Si l'Autorité de Régulation détermine que le titulaire de licence n'a pas respecté n'importe laquelle des obligations de licence sanctionnées par une suspension ou une

<p>uruhushya cyangwa kurwamburwa, Urwego Ngenzuramikorere rumwihanangiriza mu nyandiko rukanamuha igihe ntarengwa cyo kuba yakosoye ibisabwa.</p>	<p>Authority sends a written warning to the licensee indicating a deadline for correction.</p>	<p>révocation, elle envoie une notification écrite au titulaire de licence indiquant le délai de correction.</p>
<p>Iyo uwahawe uruhushya atubahirije ibikubiye mu nyandiko yo kwihanangirizwa, Urwego Ngenzuramikorere rutangira inzira zo guhagarika urwo ruhushya cyangwa kurumwambura.</p>	<p>If the licensee fails to comply with the warning notice, the Regulatory Authority shall initiate the suspension or revocation proceedings.</p>	<p>Si le titulaire de licence ne se conforme pas à la notification, l'Autorité de Régulation déclenche la procédure de suspension ou de révocation.</p>
<p>Izo nzira zikorwa mu buryo bukurikira:</p>	<p>The proceedings will be conducted in the following manner:</p>	<p>La procédure se déroule dans la manière suivante :</p>
<p>1. kumenyesha mu nyandiko uwahawe uruhushya ko hagiye gutangira inzira zo guhagarika uruhushya cyangwa kurumwambura no kumusaba gutanga ibisobanuro;</p>	<p>1. sending a written notice informing the licensee of the commencement of the suspension or revocation proceedings and requiring the licensee to provide a response;</p>	<p>1. envoyer une notification informant le titulaire de licence de l'ouverture de la procédure de suspension ou de révocation et l'obligeant à fournir sa réaction ;</p>
<p>2. iyo uwahawe uruhushya atemera ko uruhushya rwe ruhagarikwa cyangwa ngo ruseswe, cyangwa iyo adatanze ibisobanuro nyuma yo kumenyeshwa, Urwego Ngenzuramikorere ruramutumira akagira icyo avuga ku cyemezo cyo guhagarika uruhushya cyangwa kurumwambura;</p>	<p>2. if the licensee contests the suspension or revocation or fails to respond to the notice, the Regulatory Authority will hold a hearing on the suspension or revocation;</p>	<p>2. si le titulaire de licence conteste la suspension ou la révocation ou ne répond pas à la notification, l'Autorité de Régulation tient une audience sur la suspension ou sur la révocation ;</p>
<p>3. iyo uwahawe uruhushya akosoye ibyatumye inzira yo guhagarika uruhushya rwe cyangwa kurumwambura itangizwa kandi akabikora mu gihe</p>	<p>3. if during the course of the suspension or revocation procedure, the licensee remedies the alleged violations that gave raise to the</p>	<p>3. si, au cours de la procédure de suspension ou de révocation, le titulaire de licence remédie aux violations alléguées qui ont donné lieu à la procédure, l'Autorité de</p>

cy'inzira zo guhagarika urwo ruhushya cyangwa kurumwambura, Urwego Ngenzuramikorere rushobora guhagarika inzira yo kuruhagarika cyangwa kurutesha agaciro;

4. iyo uwahawe uruhushya adakosoye ibyatumye iyo nzira itangizwa, Urwego Ngenzuramikorere rushobora guhagarika uruhushya rwe cyangwa kurumwambura.

proceedings, the Regulatory Authority may terminate the proceedings;

4. if the licensee does not provide remedies to the alleged violations, the Regulatory Authority may suspend or revoke the license.

Régulation peut mettre fin cette procédure ;

4. si le titulaire de licence ne remédie pas aux violations alléguées, l'Autorité de Régulation peut suspendre ou révoquer la licence.

UMUTWE WA III: AMAFARANGA Y'INGENDO, IMISANZU, POROMOSIYO NO KWAMAMAZA

CHAPTER III: FARES, FEES, PROMOTION AND ADVERTISEMENT

CHAPITRE III: TARIFS, FRAIS, PROMOTION ET PUBLICITE

Iciviro cya mbere: Amafaranga y'ingendo n'imisanzu

Section One: Fares and Fees

Section première : Tarifs et Frais

Ingingo ya 27: Kugena amafaranga y'ingendo

Urwego Ngenzuramikorere rugena amafaranga y'ingendo mu gutwara abantu mu buryo rusange. Ku mpushya zitangwa binyuze mu ipiganwa, upiganwa ni we ugena amafaranga yifuza guca ku ngendo kugira asuzumwe kandi yemezwe n'Urwego Ngenzuramikorere.

Article 27: Setting of fares

Fare setting in public transport shall be determined by the Regulatory Authority. For licenses acquired through competition, fares shall be proposed by the competitor's subject to evaluation and approval by the Regulatory Authority.

Article 27 : Fixation des tarifs

La fixation des tarifs dans le transport en commun relève de la compétence de l'Autorité de Régulation. Les tarifs pour les licences délivrées par voies de compétition sont proposés par le candidat à la compétition sous réserve de l'évaluation et de l'approbation de l'Autorité de Régulation.

Ingingo ya 28 : Kwishyura amafaranga y'urugendo

Abagenzi bose bagomba kwishyura

Article 28: Payment of fares

All passengers must pay for public

Article 28 : Paiement des tarifs

Tous les passagers doivent payer pour les

amafaranga serivisi zo gutwara abantu mu buryo rusange. Ariko umwana uri muni y'imyaka ine ntiyishyura kandi agomba kuba aherekewe.

Ingingo ya 29 : Kwakira amafaranga y'ingendo mu gutwara abantu mu buryo rusange

Mu buryo bwo kwakira amafaranga y'ingendo mu gutwara abantu mu buryo rusange harimo ubu bukurikira:

1. uburyo bwo kwakira amafaranga y'ingendo bwikoresha;
2. ubundi buryo bwose bwo kwakira amafaranga y'ingendo bushobora kugenwa n'uwahawe uruhushya bukemezwa n'Urwego Ngenzuramikore.

Urwego Ngenzuramikorere rugena igihe uburyo bwo kwakira amafaranga mu ntoki buhagarikwa kugira ngo hakoreshe gusa uburyo bwo kwishyura amafaranga y'ingendo bwikoresha bitewe n'ikigero abakorera mu gace runaka bagezeho bitegura ubwo buryo.

Ingingo ya 30 : Kwishyura umusanzu ngenzuramikorere

transport services. However, an infant under four (4) years shall not pay and the child must be accompanied.

Article 29: Collection of fares in public transport

The mode of fare collection in public transport includes but not limited to:

1. automated fare collection;
2. any other mode of fare collection as may be determined by the licensee and approved by the Regulatory Authority.

The Regulatory Authority shall determine when cash payment modes will cease in order to fully embrace automated fare collection system depending on the readiness of a specific area of operation.

Article 30: Payment of the regulatory fees

services de transport en commun. Toutefois, un enfant agé de moins de quatre ans ne doit pas payer et cet enfant doit être accompagné.

Article 29: Perception des tarifs dans le transport en commun

Les modalités de perception des tarifs dans les transports en commun publics comprennent entre autres :

1. perception automatisée de perception des frais ;
2. tout autre modalité de perception des tarifs déterminée par le titulaire de licence et approuvée par l'Autorité de Régulation.

L'Autorité de Régulation décide le moment de la cessation des modalités de paiement en espèces afin d'adopter pleinement le système automatisé de perception des tarifs en fonction de l'état de préparation d'une zone d'opération donnée.

Article 30: Paiement des frais réglementaires

Umusanzu ngenzuramikorere ngaruka mwaka ugomba kwishyurwa hakurikijwe icyemezo cy’Inama Ngenzuramikorere kiwugena.

Iyo amafaranga yinjizwa hakoreshejwe uburyo bw’amatike koranabuhanga cyangwa ubundi buryo bwo kwishyura amafaranga y’ingendo bwikoresha, umusanzu wakwa ku mafaranga yinjijwe mu mwaka ushobora kugenwa hashingiwe kuri raporo igaragazwa n’ubwo buryo no kuri raporo ngarukamwaka y’ibaruramari.

Ku bakoresha bisi bagira raporo z’ibaruramari zitagaragaza ukuri kw’amakuru nyayo bitewe n’uburyo bw’imikorere yabo, batanga umusanzu udahinduka ugaragara mu Mugereka wa III.

Urwego Ngenzuramikorere rugena igihe cyo kwaka umusanzu ku mafaranga yinjijwe avuye ku kwishyura amafaranga y’ingendo.

Ingingo ya 31: Amafaranga y’ubusabe n’amafaranga y’uruhushya

Usaba uruhushya wese ku cyiciro cy’uruhushya icyo ari cyo cyose agomba kwishyura amafaranga y’ubusabe akubiye mu mugereka wa I.

The annual contributions of regulatory fees must be paid according to the Regulatory Board decision governing the matter.

In case revenues are generated through electronic ticketing systems or any other automated fare collection system, the contribution levied on annual turnover can be charged according to the system’s report and annual financial report.

For operators whose financial reports do not reflect the reality due to their operational status, they shall be charged a flat fee as provided in the annex III.

The Regulatory Authority shall determine when to charge the contribution on turnover from the source of fare collection.

Article 31: Application fees and license fees

Any applicant for any category of license must pay application fee as prescribed in the Annex I.

Les contributions annuelles des frais réglementaires doivent être payées conformément à la décision du Conseil de Régulation en la matière.

Lorsque les recettes sont générées par le biais des systèmes de billetterie électronique ou de tout autre système automatisé de perception des tarifs, la contribution prélevée sur le chiffre d’affaires annuel peut être calculée en fonction de rapport du système et de rapport financier annuel.

Un montant forfaitaire déterminé conformément à l’annexe III s’applique aux opérateurs dont les rapports financiers ne reflètent pas la réalité en raison de leur statut opérationnel.

L’Autorité de Régulation détermine le moment de prelever le paiement au chiffre d’affaires provenant de la source de perception des frais.

Article 31 : Frais de demande et frais de licence

Tout requérant d’une quelconque catégorie de licence doit payer les frais de demande conformément à l’Annexe I.

Nyuma yo kwemererwa urushya, uwarusabye agomba kwishyura amafaranga ayajana na rwo akubiye mu Mugereka wa I.	After approval of the application, the applicant must pay the license fee as prescribed in the Annex I.	Le demandeur doit, après approbation de la demande, payer les droits de licence conformément à l'Annexe I.
Gusaba guhabwa umurongo w'inyongera cyangwa kwemererwa imodoka y'inyongera byishyurirwa amafaranga y'ubusabe ategenyijwe mu mugereka wa I.	Application for additional route and/or vehicle addendum is subject to payment of relevant application fees prescribed in the Annex I.	La demande d'une ligne supplémentaire itinéraire et / ou d'ajout des véhicules est soumis au paiement des frais de demande connexes prescrits dans l'Annexe I.
Ariko, uwahawe uruhushya binyujijwe mu ipiganwa ntarebwa n'aya mafaranga y'ubusabe bw'iyonyongera.	However, the holder of license acquired through competition is not concerned with the addendum application fees.	Toutefois, les frais de demande supplémentaire ne s'appliquent pas au titulaire d'une licence concurrentielle.

Icyiciro cya 2: Poromosiyo no Kwamamaza

Section 2: Promotion and Advertisement

Section 2 : Promotion et Publicité

Ingingo ya 32: Gusaba gukora poromosiyo

Article 32: Application for promotion

Article 32 : Demande de promotion

Muri poromosiyo harimo kugabanya amafaranga y'ingendo ku mukiriya cyangwa ikindi kintu uwahawe uruhushya yifuzaga gukorera umukiriya agamije kumuhimbaza mu gihe runaka.

The Promotion involves fare discount or any other incentives that the licensee would like to offer to a customer for a specific period of time.

La promotion implique toute réduction de frais ou toute autre incitation que le titulaire de licence désire offrir à son client pour une période donnée.

Poromosiyo iyo ari yo yose uwahawe uruhushya ateganya igomba kubanza kohererezwa Urwego Ngenzuramikorere kugira ngo ruyemeze mbere y'uko itangazwa.

Any promotion by the licensee has to be first submitted to the Regulatory Authority for approval prior to the release of such promotion.

Toute promotion éventuelle par le titulaire de licence doit, avant sa publication, être soumise à l'approbation préalable de l'Autorité de Régulation.

Ubwo busabe buherekezwa na raporo

The application shall enclose a descriptive

La demande porte en son annexe un rapport

ikubiyemo ibisobanuro bigaragaza neza serivisi zizatangwa, igihe iyo promosiyo izamara n'abagenzi bireba.

report specifying clearly the services that will be offered, the duration of the promotion and the targeted passengers.

descriptif indiquant clairement les services à offrir, la durée de la promotion et les passagers ciblés.

Ingingo ya 33 : Kumenyesha promosisyo

Article 33: Notification of promotion

Article 33 : Notification de la promotion

Urwego Ngenzuramikorere rushobora kwemeza cyangwa kwanga ubusabe bwo gutanga poromosiyo.

The Regulatory Authority may approve or disapprove the application of promotion.

L'Autorité de Régulation peut approuver ou rejeter la demande de promotion.

Iyo ubusabe bwo gutanga poromosiyo bwemewe cyangwa bwanzwe, Urwego Ngenzuramikorere rugomba kumenyesha uwahawe uruhushya ibyavuye mu isesengura ryakozwe mu gihe cy'iminsi icumi (10) y'akazi ibarwa uherye igihe ubusabe bwakiriwe.

In the event of approval or disapproval of an application of promotion, the Regulatory Authority must communicate the outcomes of the assessment to the licensee within ten (10) working days from the reception date of the application.

Lorsque l'Autorité de Régulation approuve ou rejette la demande de promotion, elle en communique la décision de l'évaluation au titulaire de licence dans les dix (10) jours ouvrables suivant la date de réception de la demande.

Iyo Urwego Ngenzuramikorere rwemeye ubusabe, uwahawe uruhushya agomba kumenyesha abaturage ibisabwa kubahirizwa byose mu rwego rw'iyi poromosiyo mu gihe cy'iminsi ibiri (2) y'akazi mbere y'uko iyo poromosiyo itangira gushyirwa mu bikorwa.

If the application is approved by the Regulatory Authority, the licensee must communicate to the public all terms and conditions of that promotion at least two (2) working days before the implementation.

Lorsque l'Autorité de Régulation approuve la demande, le titulaire de licence doit en informer le public d'une manière efficace sur toutes les conditions pertinentes de cette promotion au moins deux (2) jours ouvrables avant sa réalisation.

Ingingo ya 34 : Kwisubiraho nyuma yo kwemera ubusabe

Article 34 : Withdrawal of approval

Article 34: Retrait de l'approbation

Urwego Ngenzuramikorere rufite uburenganzira bwo kwisubiraho nyuma yo kwemera ubusabe bwo gutanga poromosiyo

The Regulatory Authority reserves the right to withdraw any approval for a promotion if the licensee does not comply

L'Autorité de Régulation se réserve le droit de retirer l'approbation n'importe laquelle d'une promotion si le titulaire de licence ne

iyo uwahawe uruhushya atubahirije ibisabwa mu rwego rw'iyi poromosiyo.

with the terms of the promotion and conditions set forth.

respecte pas les modalités et les conditions prévues par cette promotion.

Ingingo ya 35 : Gusaba kwamamaza

Article 35: Application for advertisement

Article 35 : Demande de mener des activités publicitaires

Uwahawe uruhushya wifuza kwamamaza kuri bisi ye ikoreshwa mu gutwara abantu mu buryo rusange agomba kubisaba Urwego Ngenzuramikorere kugira ngo rubanze rubimwemerere.

A licensed operator wishing to advertise on the public service bus shall apply to Regulatory Authority for the approval.

Un opérateur titulaire d'une licence qui désire faire de la publicité sur son bus de transport en commun doit en faire la demande à l'Autorité de Régulation.

Ubusabe buherekezwa na raporo ikubiyemo ibisobanuro bigaragaza neza ikizamamazwa n'igihe kwamamaza bizamara.

The application shall enclose descriptive report specifying clearly what will be advertised and the duration of that advertisement.

La demande doit s'accompagner d'un rapport descriptif indiquant clairement le contenu et la durée de cette publicité.

Iyo ubusabe bwo kwamamaza butanzwe, Urwego Ngenzuramikorere rumenyeshya uwahawe uruhushya ibyavuye mu isuzuma ryakozwe mu gihe cy'iminsi icumi (10) ibarwa uherye ku itariki ubusabe bwakiriwe.

Once the application of advertisement is submitted, the Regulatory Authority shall communicate the outcome of the assessment to the licensee within ten (10) working days from the reception date.

Une fois la demande de publicité est soumise, l'Autorité de Régulation en communique les résultats de l'évaluation au titulaire dans les dix (10) jours ouvrables suivant la date de la réception.

Ingingo ya 36 : Gutanga imirongo

Article 36: Route allocation

Article 36 : Attribution des lignes

Urwego Ngenzuramikorere ruha abakoresha amabisi imirongo rushingiye ku mubare w'imodoka bafite, ibyo umurongo uyu n'uyu usaba n'ibindi birangwa umwihariko wawo.

The Regulatory Authority allocates routes to operators by considering the fleet size, demand and other particularities of a specific route.

L'Autorité de Régulation attribue des lignes aux opérateurs en tenant compte de la taille de la flotte, de la demande et d'autres particularités d'une ligne donnée.

Uwahawe uruhushya wese usaba guhabwa

Any licensee, applying for an additional

Tout titulaire de licence qui demande une

umurongo w'inyongera ashyikiriza inyandiko zikurikira:	route shall submit the following documents:	ligne supplémentaire soumet les documents suivants :
1. urutonde rw'ibinyabiziga bigenewe uwo murongo;	1. list of vehicles dedicated to that route;	1. liste de véhicules affectés à cette ligne;
2. inyandiko z'ikinyabiziga zirimo ikarita iranga ikinyabiziga, ubwishingizi bw'ubucuruzi bwemewe, n'ibyemezo by'ubugenzuzi bw'ikinyabiziga;	2. vehicle documents including log book, valid insurance for public transport services and vehicle inspection certificates;	2. les documents du véhicule, y compris la carte d'immatriculation, certificat d'assurance commerciale valide et les certificats de contrôle technique de ces véhicules;
3. icyemezo cyo kwishyura amafaranga yo gusaba umurongo w'inyongera akubiye ku mugereka wa I.	3. proof of payment of application fees for additional route as determined in the Annex I.	3. une preuve du paiement des frais de demande d'une ligne supplémentaire tel que déterminés en Annexe I.

Ariko, abahawe uruhushya rutangwa binyuze mu ipiganwa ntibarebwa n'ibikubiye mu gika cyavuzwe haruguru.

However, holders of licenses obtained through competition are not concerned by the above paragraph.

Toutefois, l'alinéa précédent ne s'applique pas aux titulaires de licences octroyées à travers la compétition.

Mu gihe uwahawe uruhushya aretse inzira imwe cyangwa nyinshi yahawe, Urwego Ngenzuramikorere rufite uburenganzira bwo kongera guha izo nzira undi muntu ufite uruhushya kugira ngo serivisi itangwa idahagarara.

In case the licensee abandons one or more routes assigned to him/her, the Regulatory Authority reserves the rights to re-assign those routes to another licensee for service continuity.

Dans le cas où le titulaire de licence abandonne une ou plusieurs routes qui lui sont allouées, l'Autorité de Régulation se réserve le droit de réattribuer ces routes à un autre titulaire de licence pour la continuité du service.

UMUTWE WA IV: GUTWARA IMIZIGO

Ingingo ya 37: Gushyira ikirango ku muzigo

Umugenzi wese witwaje umuzigo ahabwa agapapuro nk'ikimenyetso kiranga umuzigo we.

Uwahawe uruhushya agomba gushyira ku muzigo yose udupapuro-ndanga-bimenyetso twandikwaho amazina y'umugenzi, aderesi ze n'aho yerekeza, umugenzi akaba agomba kubika ako gapapuro no kukerekana kugira ngo gafashe kumenya umuzigo we igihe aje awusaba.

Mu gihe cyo kugenzura imizigo, abakozi b'uwahawe uruhushya bagomba guha umugenzi kopi y'agapapuro-kimenyetso karanga umuzigo we.

Ingingo ya 38: Gutwara imizigo

Bisi idafite ahagenewe gushyirwa imizigo ntiyemerewe kuyitwara.

Ingingo ya 39: Imizigo ibujijwe

Ibintu bikurikira ntibyemewe gutwarwa muri bisi zitwara abantu mu buryo rusange:

CHAPTER IV: LUGGAGE TRANSPORTATION

Article 37: Identification of luggage

Any passenger carrying a luggage shall be given a tag identifying his/her luggage.

The licensee must clearly label all luggages with names, address and destination of the passenger who must keep and present this tag to retrieve the luggage in case of claim.

While checking-in the luggage, licensee's staff must provide a receipt coupon of the luggage tag to the passenger.

Article 38: Carrying the luggage

A bus without luggage compartment is not allowed to carry luggage.

Article 39: Prohibited luggage

The following items shall not be allowed in public transport buses as luggage:

CHAPITRE IV : TRANSPORT DES BAGAGES

Article 37 : Identification du bagage

Tout passager transportant des bagages doit avoir une étiquette identifiant son bagage.

Le titulaire de licence doit attacher une étiquette claire à tous les bagages avec nom, adresse et destination du passager qui doit conserver et présenter cette étiquette pour récupérer ces bagages en cas de réclamation.

Lors de l'enregistrement des bagages, le personnel du titulaire de licence doit remettre au passager un coupon d'accusé de réception de l'étiquette de ces bagages.

Article 38: Transport de bagage

Un bus sans compartiment pour les bagages n'est pas autorisé de les transporter.

Article 39: Bagage interdit

Les objets suivants ne sont pas admis au transport dans les bus de transport en commun en tant que bagages :

1. ikintu amategeko n'amabwiriza bikurikizwa mu Rwanda bitemerera abantu gutunga cyangwa gutwara;
2. uburozi n'imiti ibyo ari byo byose uretse ibyemewe n'itegeko runaka rikurikizwa mu Gihugu;
3. ikintu gisukika, gitumuka cyangwa ikinini bidapfunyitse uko bikwiye;
4. ikintu icyo ari cyo cyose gityaye cyangwa gisongoye kidafunitse cyangwa kitari mu gifuniko cyacyo ku buryo kitagira uwo gihungabanya;
5. ibiryo bishobora kwangirika bikaba bidapfunyitse uko bikwiye;
6. ikindi kintu cyose gishobora gukomeretsa cyangwa gushyira abandi bantu mu kaga;
7. ibintu bisukika cyangwa gazi bishobora guteza inkongi, imbunda, ibiturika cyangwa ibinyabutabire bishobora gutera ingese cyangwa bifite aside;
8. Amatungo.

1. any article whose possession or carriage is prohibited by laws and regulations in Rwanda;
2. poison and drugs except as permitted by any national law;
3. liquid, powder and tablet which are not properly packed;
4. an article containing any object with a sharp edge or point not equipped with a securely fitted cover or guard;
5. perishable food which has not been properly packed;
6. any item likely to injure or endanger other persons;
7. any flammable liquids and gas, fire arms, explosives or, corrosive materilas or acidic chemicals;
8. Livestock.

1. tout article dont la possession ou le transport est interdit par les lois et règlements en vigueur au Rwanda ;
2. poison, médicament, sauf en cas d'exception prévue par une loi nationale quelconque ;
3. un liquide, poudre, ou comprimé qui n'est pas convenablement emballé ;
4. un article contenant tout objet dont le bord ou la pointe est tranchant et qui n'est pas muni d'un couvercle ou d'une protection solidement fixés;
5. un aliment périssable qui n'est pas convenablement emballé ;
6. tout article susceptible de blesser ou de mettre en danger d'autres personnes ;
7. tout liquide et gaz inflammable, armes à feu, explosifs ou produits chimiques corrosifs ou acides ;
8. Bétail.

Uwahawe uruhushya agomba gushyira mu modoka ibimenyetso byerekana ibintu bitemerewe gutwarwa mu modoka zigenewe gutwara abantu muri rusange.

Ingingo ya 40: Uburemere n'ingano by'umuzigo muto

Umuzigo wo mu ntoki ntugomba kurenza ibiro icumi (10), kandi umubyimba wawo ntugomba kurenga cm 50 ubujyejuru, cm 20 z'ubugari na cm 50 z'uburebure. Bene uwo muzigo muto utwarwa ku buntu. Nyir'uwo muzigo ni we wita ku mutekano wawo.

Umuzigo muto ugomba kuba utagizwe n'ibintu bibora nk'ibiryo kandi ntugomba kugira impumuro.

Undi muzigo wose udatwarwa mu ntoki ugomba kwishyurirwa hashingiwe ku biro cyangwa ku gihagararo.

Ingingo ya 41: Umuzigo watakaye cyangwa wangiritse

Umugenzi uvuga ko umuzigo we watakaye cyangwa wangiritse agomba kugeza ikibazo cye ku wahawe uruhushya ako kanya na we akamusubiza mu gihe kitarenze amasaha

The licensee shall put up signs indicating which items are unauthorized in public transport vehicles.

Article 40: Weight and size of the hand luggage

A hand luggage shall not exceed ten (10) kilograms, the size should not go beyond the height of 50 cm, width of 20 cm and length of 50 cm. Such hand luggage shall be free of charge. The owner of such luggage shall be responsible for its safety.

The hand luggage shall not contain perishables such as food stuff and smelling.

Any other luggage hand luggage shall be charged according to the weight or size.

